	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbutu mu Rwanda	Kode y'inwandiko: 41KR130I139v0
	IGICE CYA 4: UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO : Ibigori		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inwandiko	Projet AFSR
-----------------------------	-------------

Itariki inyandiko yasohoyeho	Ukwakira 2007
-------------------------------------	---------------

Umubare w'amapagi	4
--------------------------	---

IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO (semences certifiées)

Ibigori (*Zea mays L*)



1. AHO BIHINGWA

1.1. Akarere:

Ibigori bihingwa mu Rwanda hose ku butumburuke bwa 2200 m. Iyo burenzeho, igihe byerera kiba kirekire.

1.2. Ubutaka:


Ibigori ni igihingwa kigaragaza ubutaka bwiza. Gisaba ubutaka burebure, bworoshye kandi bufite ibitunga ibihingwa byinshi.

1.3. Umurima bihingwamo:

- Nyuma yo gutera, urangwa n'icyapa cyanditseho: izina ry'imbuto, itariki itereweho, icyiciro cyayo, ubuso bw'umurima, na numero ziranga umuhinzi n'umurima.
- Ugomba kuba utaranzwemo inopfu y'ibigori (*Ustilago maydis*) nibura mu gihe cy'imyaka itatu ikurikiranye.
- **Intera iwutandukanya n'indi mirima** : m 200 uvuye ku mirima irimo izindi mbuto cyangwa imbuto imwe, ariko itari iyarobanuwe. Ariko iyo ntera ishobora kugabanuka haterwa inzitiro zikwiye cyangwa haterwa ibyatsi ku nkengero.

1.4. Ibindi bikenerwa

Ibigori ni ibihingwa bikura bijya hejuru kandi bisaba amazi menshi cyane cyane mu gihe bizamuka no mu byumweru bitatu nyuma yo guheka. Imvura nyinshi mu gihe bitangiye gukomera ni mbi.



2. UKO BISIMBURANA N'IBINDI BIHINGWA

Umurima uhingwamo ibigori ugomba kuba udaherukamo ibigori cyangwa ibindi binyampeke nibura mu gihe cy'igihemwe kimwe. Ibigori bikurikira ibinyamisogwe cyangwa ibinyabijumba.

3. IBIRANGA AMOKO ABONEKA MU RWANDA

UBWOKO	IBIBURANGA				
	Uko babwita mu Rwanda	Igihe bwerera (Iminsi)	Umusaruro (Toni/Hegitari)	Ibara	Akarere bukunda
Katamani	-	100-110	2,5-3	Umweru	BA
ZM 607	Kigega	120-140	5-7	Umweru	BA, MA
Pool 9A	Tamira	150-210	3,5-5	Umweru	MA, HA
Pool 8A	Mamesa	180	2,5-3	umuhondo	HA
Pool 32	Ndaruhutse	110-130	5-6	Umweru	BA, MA
Pop corn	-	120-140	1-2	Umuhondo	BA, MA

BA : Imisozi ; MA : Imisozi Iringaniye ; HA : Imisozi miremire

4. UBURYO IMBUTO ZIHINGWA

4.1. Itera

- Hakoreshwa **imbuto shingiro** zo mu mufungo umwe zabanje guterwamo umuti witwa Super Homai (g 5 ku kiro), Fernasan D (g 3 ku kiro) cyangwa imvange ya Thiram g 2 ku kiro na Benlate g 1 ku kiro.
- Igihe cyo gutera: mu misozi iringaniye n'imiremire, mu minsi 15 ya mbere y'ukwezi kwa Nzeri mu gihembwe A, n'iminsi 15 ya nyuma y'ukwezi kwa Gashyantare mu gihembwe B; mu misozi miremire, Ugushyiramo mu gihembwe A, na Werurwe mu gihembwe B.
- Igipimo cy'imbutu: Kg 30 kuri hegitari.
- Umwanya hagati y'ibihingwa: cm 60 kugeza kuri cm 80 hagati y'imirongo na cm 40 kugeza kuri cm 30 ku murongo n'ikigori kimwe cyangwa 2 mu mwobo bitewe n'imbutu yakoreshejwe (intoya n'inini).
- Ubuajakuzimu: 5 cm.

4.2. Ifumbire no gutunganya umurima

- Kunyanyagiza toni 15 kugeza kuri 20 z'ifumbire y'imborera neza kuri hegitari imwe mu gihe cy'isanzu bitewe n'uko ubutaka bwagundutse cyangwa gushyiramo ifumbire mu migende cyangwa mu myobo mu gihe cy'itera mu gihe fumbire baye nkeya cyane.
- Gushyiramo mu migende cyangwa mu myobo yo guteramo ibiro 200 by'ifumbire ya NPK 17-17-17 kuri hegitari, hakongerwamo ibiro 50 by'ifumbire ya Ire kuri hegitari mu gihe cy'ibagara n'isukira.

4.3. Kubagara no kuvanamo izindi mbuto zidakenewe

- Ibagara rya mbere rikorwa ibihingwa bigejeje cm 10 z'uburebure; iminsi nka 30 nyuma y'itera.
- Ibagara rya kabiri rikurikirwa no gusukira (kubagara no gusukira) iyo ibihingwa bigejeje nka cm 30 kugeza kuri 40 z'uburebure (iminsi nka 60 nyuma y'itera bitewe n'uko biraye n'uko ibihingwa bikura. Gusukira bikoze neza bituma imizi imera hejuru bigafasha igihingwa kudahirikwa n'umuyaga.
- Kuvanamo izindi mbuto** ni ngombwa kugira ngo harwanywe izitandukanye n'izihingwa cyane cyane izifite indwara zandurira mu mbuto (milidiyu, mosaïque, inopfu).

4.4. Igenzurwa ry'umurima

- Igenzurwa rya mbere rikorwa mbere y'iterera kugira ngo hasuzumwe uko umurima watandukanyijwe n'iyindi. Igenzurwa rya kabiri rikorwa igihe impeke zirimo gukomera kugira ngo bamenye niba hari indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbutu kandi banamenye neza ko ibiranga ubwo bwoko bihari.
- Igenzurwa rya gatatu rikorwa mu isarura kugira ngo bagenzure irobanura ry'amahundo.
- Ingero ngenderwaho ziteganywa: ubundi bwoko (ibigori by'ubundi bwoko, iby'invange, n'ibitemewe) butarengeje 2%; ibigori byafashwe n'indwara zandurira mu mpeke (mildiou, mosaïque) bitarengeje 2.0%, ibigori birwaye inopfu bingana na 0% n'amahundo y'ubundi bwoko atarengeje 2.0%.

4.5. Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza

- Gutera umuti wica nkongwa n'utundi dukoko inshuro ebyiri hakoreshejwe nk'uwitwa Thiodan 35 EC cyangwa Sumithion 50 EC (cyangwa Diméthoate 40%EC) nyuma y'ibyumweru bitatu bikurikira umumero, hagaterwa 1,5 L kuri hegitari kandi bigakorwa buri minsi 15 bibaye ngombwa.
- Ibihingwa byafashwe na virusi, indwara y'imvura (mildiou) cyangwa n'inopfu bigomba gutemwa bikavanwa mu murima.

5. GUSARURA, KWANIKA, GUTORANYA NO GUHUNIKA

- Isarura ry'ibigori rikorwa bimaze kwera neza, igihe impeke zidashobora gutoborwa n'urwara. Nyuma yo gutonora ibigori amahundo aranikwa kugeza igihe impeke zifite ubuhehere bwa 15 kugeza kuri 16 ku ijana.
- Ku bizaba imbuto hahungurwa igice cyo hagati cy'ihundo, impeke zo ku mpande zombi zikaribwa.
- Kwanika impungure: Kuzihungiza Actellic 2% g 2 mu biro bibiri by'imbuto; gupfunyika imbuto mu ishashi no komekaho udupapuro twanditseho ibi bikurikira: izina ry'imbuto igihe yerera, umusaruro, aho ihingwa, nomero yumufungo w'imbuto n'ibiro.
- Uzuzura kandi woherere uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.
- Kugenzura kenshi niba harimo imungu, udukoko turya impeke cyangwa ibindi bikoko byangiza;
- Imifuka igomba kuba itondetse ku buryo ugenzura ashobora kuyigeraho yose.

6. IGIPIMO NGENDERWAHO CY'UBUZIRANENGE

Umufungo w'imbuto z'ibigori zemewe ugomba kuba wujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira:

- Ubwimerere bw'ubwoko (kutavangwa n'andi moko) ntibugomba kuba ku gipimo kiri minsi ya 98%
- Ubwimerere bw'igihingwa (kutavangwa n'imbuto z'ibindi bihingwa) ntibugomba kujya minsi ya 98%;
- Impeke z'andi mabara ntizigomba kurenga 2% ;
- Imbuto z'indobanure zishobora kumera ntizogomba kujya minsi ya 85% ;
- Ubuhehere ntibugomba kuba hejuru ya 13%.

7. IBIJYANYE N'UBUKUNGU

Igiciro cy'ibikorwa (kuri hegitari)	Ingano	Igipimo	Igiciro kuri buri gipimo (FRw)	Igiciro cyose hamwe (FRw)	
Abakozi	370	Umubyizi	500	185000	
Ifumbire y'ibibora	15000	Ikiro	10	150000	
Imbuto	30	Ikiro	600	18000	
Ifumbire y'imvaruganda					
	NPK 17.17.17	250	Ikiro	280	70000
	Ire	50	Ikiro	285	14250
Imiti					
	Thiodan	3	Litiro	11000	33000
Igiciro cyose (FRw/hegitari)				470250	
Umusaruro					
Umusaruro ku mbuto (FRw/hegitari)	3000	Kg	400	1200000	
Inyungu (FRw/hegitari)				729750	
Igicuruzo (FRw/Kg)				157	

